

DIYOSEZI GATOLIKA YA BYUMBA



B.P 5 BYUMBA

Tél. (+250) 0252 564 165

Mob. (+250) 78 830 23 20

E-mail: nzakaservi71@gmail.com

diocabyumba@yahoo.fr

REPUBLIQUE DU RWANDA

IBARUWA YA GISHUMBA ITANGIZA UMWAKA W'IKENURABUSHYO WA 2018-2019 MURI DIYOSEZI GATOLIKA YA BYUMBA



« UMURYANGO MWIZA, IGICUMBI CY'UBURERE
N'INZIRA Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE »

Basaserdoti,

Bihayimana,

Bakristu bavandimwe,

1. Mumaze kubimenyera ko igihe nk'iki mu ntangiriro z'umwaka w'ikenurabushyo twiha icyerekezo. Uyu mwaka turi gusoza twari twawuhariye kuzirikana ku nsanganyamatsiko y'ubumwe n'ubwiyunge twifashishije umuryango, nk'urwego rushobora kudufasha gukumira ibitera ubwumvikane buke mu bantu, biciye mu burere buhabwa abo umuryango wibarutse. Ni yo mpamvu twateruye tugira tuti « **Umuryango mwiza, Igicumbi cy'uburere bw'urubyiruko n'Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge** ».

Ni insanganyamatsiko ishingiyeye kandi ku cyerekezo cy'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, icyerekezo cy'ubwiyunge mu muryango nyarwanda; aho dushishikarizwa kwiyinga n'Imana, kwiyinga natwe ubwacu, kwiyinga n'abavandimwe no kwiyinga n'ibidukikije. Ibyo tukabikora tuzirikana imyaka 25 igiye gushira abanyarwanda bagwiririwe n'amahano ndengakamere; jenocide yakorewe abatutsi mu 1994, kandi duharanira ko icyo cyago kitazongera kubona intebe mu mitima yacu.

Uyu mwaka rero nifuje ko dukomeza kuzirikana kuri iyi nsanganyamatsiko, kugira ngo turebere hamwe umusanzu wacu nk’abakristu mu kongera kubaka umuryango n’u Rwanda ruzira amacakubiri, dore ko muri iki gihe hakiboneka ibyonona ubusugire by’umuryango, bigatera impagarara mu bavandimwe, bikarenga imipaka y’urugo bigakwira no mu baturanyi. Nyamara ugasanga ipfundo rya byose ari ukudohoka mu burere buhamye, bwa bundi bwubaka umuntu wese, kugira ngo igihe azahura n’ibimuyobya, bizasange ashinze imizi mu migenzo mbonezabupfura na mboneramana. Insanganyamatsiko y’uyu mwaka rero iragira iti :

« *Umuryango mwiza, Igicumbi cy’Uburere n’Inzira y’Ubumwe n’Ubwiye* »

I. **UMURYANGO MWIZA, IGICUMBI CY’UBURERE**

Umuryango ni wo shingiro rya byose

2. Mu muryango ni ho umuntu avukira, akahakurira ku mubiri, ku bumuntu no kuri roho. Ni ho yakirira ukwemera, ni ho yakirira ubutumwa akaba ari na ho abusohoreza, kandi akahabusozereza agaherekezwa yerekezwa mu bundi buzima. Gusenya umuryango ni ukwica abantu, ni ugutangaza iherezo ry’isi. Kuko ejo heza h’abantu hategurirwa mu muryango (« L’avenir de

l'humanité passe par la famille » Jean Paul II, *Familiaris consortio* 86)

Mu by'ukuri Umuryango ni igicumbi cy'ubuzima, kuko Imana yagennye ko aba ariho butangirwa, bukanaharererwa, bukahakurira, bukahasazira. Urugo ni igicumbi cy'uburere bwa kimuntu, ni ryo shuri ry'ibanze ry'umuco wa kimuntu urangwa n'urukundo, ubuvandimwe, ubunyangamugayo. Urugo rero rufite akamaro ntasimburwa ku muntu no ku gihugu, kuko ari rwo ntango y'umuryango mugari w'abantu. Igihugu kizima kigirwa n'ingo nzima, amajyambere ya Kiliziya ashingiye ku ngo nzima.

3. Ikenurabushyo nyaryo muri Kiliziya Gatolika rigomba gushingira ku muryango. Ibi byumvikana ku buryo bubiri : icya mbere ni uko ibikorwa byose bigomba guharanira ko umuryango ukomera kandi ukarindwa icyawuhungabanya. Icyamba kabiri ni uko umuryango ubwawo ugomba kugira uruhare mu busugire bwawo wita mbere na mbere ku burere bw'abana. Ababyeyi bagomba kwiyumvisha neza ko kurera abana babo ari inshingano ikomeye kandi bikaba n'ubureganzira ntayegayezwa. Ni ubureganzira bagomba guharanira, nta muntu n'umwe ugomba kubasimbura.

Birumvikana ko yaba umuryango mugari, Leta, ishuri, Kiliziya badasimbura ababyeyi mu kurera abana babo

ahubwo baza bunganira ababyeyi. (Papa Fransisko, *Amoris Laetitia* 84).

Ni yo mpamvu mu gihe turimo izi nzego zose zikwiye kurushaho gushyira hamwe ngo uburere bugire ireme bihereye mu muryango. Bityo umuryango ube igicumbi cy'uburere bukura amasomo ku mateka yahise, bukarebana ubushishozi ibihe turimo kugira ngo buteganyirize ejo hazaza ; umuryango utanga ubwenge, ugatanga ikinyabupfura; umuryango udaca indangagaciro z'umuco ahubwo ugatoza abantu gukunda umurimo unoze, ugatanga uburere bufasha abana kumenya urukundo icyo ari cyo ; ariko hejuru ya byose ubatoza kumenya, gukunda no gukorera Imana.

Kubaka umuryango uhamye ni ukwita ku burere bw'abana

4. Umwana ni ikiremwa gishya yavuka akinjira mu isi ishaje. Kwita ku burere bw'umwana ni ukumutegurira kuvukira ahantu heza. Ni ukuvuga mu rugo ruzima Imana yagennye ko rugomba kuba rugizwe n'umugabo n'umugore bakundana, bashakanye, bahora bakinguriye ubuzima n'iyo nta kana barabona ku bw'umubiri, bahora bumva neza ko bafite inshingano zo kurerera Imana. Imana yashatse ko umuryango uba igicumbi cy'ubuzima aho umwana avukira akarindwa. Kuba muri iki gihe hari imiryango yabaye indiri y'ubugome aho umwana avukira agahura n'ingorane ndetse akicwa n'ababyeyi be ni

amahano, ni ukuvuguruza umugambi w’Imana. (Papa Fransisko, *Amoris Laetitia*, 83)

Ni yo mpamvu Urugo rwa gikristu ari Kiliziya nto y’imuhira rukaba rugomba kurangwa n’ukwemera, rugashishikarira kumenya no kwamamaza Ijambo ry’Imana, rugakomera ku nyigisho za Kiliziya, rugahora ruharanira ubutagatifu, rwihatira guhabwa amasakramentu, rukabeshwaho n’isengesho, kandi muri byose rukayoborwa n’itegeko ry’urukundo.

Abanyarwanda baciye umugani ngo umwana apfa mu iterura. Nyamara nk’abakristu, dukwiye kumva ko umwana apfa mu isamwa. Aha turashaka kuvuga ko uburere bw’umwana butangira gutegurwa mu gihe umugabo n’umugore batekereza kwera imbuto. Ijambo ry’Imana ritubwira ko na mbere y’uko umuntu asamwa Imana iba imuzi. Ndetse n’umuhamagaro w’umuntu Imana iwutegura kare : *ntarakuremera mu nda ya nyoko nari nkuzi nakwitoreye utaravuka nkugira umuhanuzi w’amahanga*: (Yer 1,5).

Umwana agomba gusamirwa mu rukundo, agakurira mu rukundo ni bwo azabasha kubona ifatiro ry’ubuzima. Naho umwana usamiwe mu makimbirane agakurira mu makimbirane agora abandi bagira uruhare mu burere bwe. Inshingano zo kurera zishingiye kuri ubwo bumwe umwana afitanye n’ababyeyi be, bikabasaba kumva ko ari

bo atezeho kubaho ku mubiri no kuri roho, kimwe no kurindwa ikintu cyose cyamuhungabanya. Tuributsa ababyeyi ko buri wese afite uruhare rw'umwihariko mu burere bw'umwana n'ubwo hari inshingano bombi bahuriyeho. Ntituzagombe kugorora igiti kikiri gito tukirinde hakiri kare ikintu cyose cyatuma kigorama twita mu gutegura gushinga urugo.

Gutegura ugushyingirwa

5. Ni yo mpamvu niba dushaka kubaka imiryango mizima dukwiye gutegura ugushyingirwa bihereye mu burere bw'abana, bihereye mu rugo, bigakomereza mu burere buhabwa urubyiruko ababyeyi bafatanyamo n'abandi barezi ku mashuri n'ahandi urubyiruko rufashwa kumva neza umuhamagararo wabo, hanyuma abahisemo gushinga urugo bakitabwaho bikomeye.

By'umwihariko igihe cy'ubwangavu n'ubugimbi ni igihe kigoye ku burere bw'abana. Impamvu ni uko byinshi biba bitangiye guhinduka ku buzima bwabo kandi ari igihe cyo gushaka kwigenga no guhitamo umuhamagararo. Ababyeyi basabwa kurushaho kwita ku bana babo babagira inama ariko birinda kubakura umutima. Abana na bo bakirinda kwivumbura ku babyeyi no gukeka ko babatoteza igihe bababuza kwirukira ibije byose. By'umwihariko abana b'abakobwa bagomba kwirinda ibishuko bibashora mu ngeso mbi bikababuza amahirwe y'ubuzima.

Gufasha ingo ziriho kumva neza inshingano zifite

6. Twavuze ko umuryango ugomba kugira uruhare rukomeye mu gutegura ingo zizavuka bigatangirira mu burere bw'abana. Nyamara nta wakwirengangiza ko muri iki gihe imiryango myinshi yatakaje indangaciro yo kurera, indi ikaba yaratatanye ndetse indi igasenyuka. Baca umugani mu kinyarwanda ngo ntawe utanga icyo adafite. Niyo mpamvu dukwiye gukomeza kwegeranya imiryango iriho, abayigize bakigishwa kugira ngo bongere bagire impagarike. Nibwo tuzagira icyizere ko abana bayivukiramo bakayirerwamo bazubaka imiryango myiza mu gihe kiri imbere.

Ni ngombwa rwose ko abapadiri bakomeza kwegera ihuriro ry'ingo no gushaka uburyo imiryango ifitanye amakimbirane yasurwa ikagirwa inama. Ubuhamya butangwa n'abagerageje butanga icyizere, kuko nta kinanira Imana.

Kwita ku yandi matsinda yihariye

7. Birakwiye kandi ko amahuriro y'abageni ba Kristu yakwiyongera kuko n'ubwo baba bariyemeje kurera neza abana bafite, ni ngombwa ko bibutswa rwose inshingano yo gutanga uburere buhamye maze bagategura neza umuryango w'ejo hazaza.

Mu miryango hirya no hino, hari ingo nyinshi zibana bitemewe n'amategeko ya Leta ndetse zitarabasha

gusezerana mu idini. Niba rero dushaka kugira abana bafite uburere buhamye birakwiye ko izi ngo zakwegerwa zikagirwa inama kugira ngo abazigize babashe kurera neza abana babo.

Muri iki gihe kandi Kiliziya ihangayikishijwe n'ikibazo y'abana b'abakobwa babyara bakiri bato kandi batiteguye kurangiza inshingano zo kurera kubera ko ubundi izo nshingano zihabwa abiyemeje gushyingirwa. Ibarura ryakozwe kandi rigikomeza rimaze kutwerekana ko buri paruwasi nibura ifite abagera kuri magana atatu. Birumvikana ko ari bo ubwabo baba bagikeneye kurerwa kandi bakagira n'umurimo wo kurera abo babyaye.

Icyo tugomba guhora tuzirikana ni uko umwana wese wasamwe aba agomba kwakirwa kandi akarerwa; yaba yasamiwe mu rugo rw'abashakanye byemewe, yaba yasamiwe mu rugo rw'abashakanye bitemewe, cyangwa yasamwe n'umukobwa n'umusore batarashakana cyangwa yasamwe kubera ihohoterwa rishingiye ku gitsina, agomba kwakirwa kandi akarerwa mu rukundo. Umwana wese aba afite agaciro kimwe n'abandi. Nta na rimwe agomba gufatwa nk'ikibazo, ahubwo agomba gutangirirwa nk'ikiremwa cy'Imana yaremeye mu ishusho yayo n'ubwo igikorwa cyatumye abaho cyaba kidatunganye mu maso y'Imana.

Muri uyu mwaka w'ikenurabushyo, birakwiye rwose kwegeranya aba bakobwa babaye ababyeyi imburagihe kugira ngo bafashwe gukira ibikomere no kwiyakira. Ni ngombwa kandi gufasha ababyeyi n'abandi bagira uruhare mu burezi kwakira abo bana aho kubahahana kuko na byo byongera kubashora mu ngeso mbi.

Diyosezi ifatanyije n'izindi nzego, dukwiye gushakira hamwe uko abana bavutse kuri abo bakobwa bagira uburenganzira, abo bakobwa bagafashwa kubona ubushobozi bwo kwibeshaho no kubeshaho abana babo batagombye gusabiriza. Twibuke ko benshi muri bo bahohotewe bikabaviramo gutakaza amahirwe y'ubuzima bwabo. Ni ngombwa kwamaganira kure abahohotera abana b'abakobwa ndetse igihe bamenyekanye bakabihanirwa n'amategeko, ab'abakirisitu gatolika bagafashwa kugarukira Imana.

Duharanire rwose ko imiryango yacu iba igicumbi cy'uburere buhamye, aho abana bayivukiramo bafashwa n'impanuro n'amategeko ariko cyane cyane umubano w'ababyeyi wuje urukundo ukababera inyigisho ikomeye.

Ibi tubigezeho byazatuma umuryango nyarwanda utongera guhura n'amacakubiri. Ahubwo umuryango ukaba inzira y'ubumwe n'ubwiyunge.

II. **UMURYANGO MWIZA INZIRA Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE.**

Ubumwe bwacu ni umuhamagaro wa muntu

8. Bavandimwe, umwe mu mihamagaro duhuriyeho twese kuri iyi si ni ukubana neza n'abandi. Imana irema muntu ntiyamuremeye gushyamirana, ahubwo yamuremeye kubana n'abandi mu rukundo. Imana yaturemeye kuba umwe, nk'uko na Yezu yabidusabiye kuri Data: “...bose babe umwe. Nk'uko wowe, Dawe, uri muri jye, nanjye nkaba muri wowe, ndasaba ko na bo bunga ubumwe muri twe...” (Yh 17, 21). Amacakubiri yose aza arwanya uwo mugambi Imana idushakaho. Iyo rero twemereye shitani igahungabanya ubwo bumwe bwacu, ni ngombwa kugana inzira y'ubwiyunge; tugasubiza ku murongo ibyavuye mu buryo; tukifuriza mugenzi wacu kumera uko Imana ibishaka.

9. Byaragaragaye kandi n'ubu biracyagaragara ko shitani itwinjirana icye mu nzira zitandukanye, bityo tugatakaza isura y'ubumwe Imana yatwambitse. Jenocide yakorewe abatutsi mu 1994, ni ikimenyetso ndakuka kigaragaza uburyo abanyarwanda twatakaje ubumwe bwahoze ari indangagaciro ikomeye. Birakwiye rero ko muri iyi myaka 25 igiye gushira ibyo bibaye, twongera kwisuzuma kugira ngo turebe aho tugeze mu kugarukira iyo ndangagaciro

twirengagije; mu kongera kwiyunga nk’abavandimwe, twihatira gusaba no gutanga imbabazi. Ibi bigaherekezwa kandi n’ibikorwa bifatika bikorerwa abahungabanyijwe n’ayo marorerwa.

Gutekereza ku bwiye rero bifite ishingiro. Mu gice cyabanje twabonye ko gusigasira uburere buhamye butegurirwa guhabwa umwana kuva agisamwa bumutegurira gukomeza kwambara iyo sura y’Imana izira amacakubiri, ari inzira izadufasha kugera ku bumwe buhamye.

Ibyonnyi by’ubusugire bw’umuryango

10. N’ubwo rero hari intambwe igenda iterwa muri urwo rwego rwo guharanira kubaka umuryango uzira amacakubiri; inzira iracyari ndende kuko ibyonnyi by’umudendezo w’umuryango bikiri byinshi kandi biracyagaragara mu miryango hirya no hino. Imiryango myinshi irangwamo amakimbirane y’urudaca n’ihohotera rikabije rigera n’aho bamwe mu bayigize bambura abandi ubuzima cyangwa bakabasigira ubumuga n’ubusembwa bw’ubuzima bwabo bwose. Zimwe mu mpamvu zagaragajwe zituma muri iki gihe abagize umuryango babaho mu makimbirane y’urudaca ni izi zikurikira:

- Kunywa ibiyobyabwenge cyane cyane kanyanga;
- Kutagira ibiganiro hagati y’abashakanye;

- Imyumvire mibi y’ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye mu burenganzira n’inshingano z’abagize umuryango;
- Ingeso mbi z’ubusambanyi, ubushoreke n’ubuharike;
- Gutsimbarara ku makosa, kutamenya gusabana imbabazi no kubabarirana ku bagize umuryango;
- Ubunebwe n’imicungire mibi y’umutungo w’umuryango;
- Guteshuka ku nshingano zo guha uburere bwiza abana n’izindi...

Birashoboka kwirinda amakimbirane

11. Mu guhangana n’izo nzitizi, no gusubiranya isura nyayo y’umuryango uzira amakimbirane, ni ngombwa ko hajyaho gahunda yo kubarura no guherekeza imiryango ibana mu makimbirane y’urudaca. Ni ngombwa rwose ko imenyekana kugira ngo igenerwe gahunda n’uburyo bwihariye bwo kwegerwa no guherekezwa mu bufatanye n’izindi nzego kugira ngo ifashwe gusohoka mu makimbirane, ibane mu mahoro.

Ni igikorwa twatangiriye muri Paruwasi ya Rushaki muri uyu mwaka ushize biciye muri Komisiyo y’Ubutabera n’Amahoro n’abandi baterankunga muri gahunda yiswe: **“Imiryango y’amahoro igamije gukumira no kurwanya ihohotera ribera mu muryango”**.

Kubera umusaruro mwiza wo kugarura icyizere, ubwumvikane ndetse n’imibanire myiza y’abagize umuryango iyo gahunda yagaragaje, turifuza ko muri uyu

mwaka w'ikenurabushyo wa 2018- 2019 itangizwa mu maparuwasi yose ya Diyosezi yacu.

Kugira ngo bigerweho ni ngombwa ko muri buri Paruwasi, hatangizwa amatsinda y'abafashamyumvire b'imiryango ibanye mu makimbirane y'urudaca afite umwihariko wo kuyifasha gusohoka mu makimbirane mu mahoro. Kandi ubwo ihuriro ry'ingo rimaze gushinga imizi hirya no hino mu maparuwasi, turyifashishe nk'urwego rwiza rugomba kwegera iyo miryango no kuyifasha kuva mu bibazo irimo.

Turashishikariza buri wese kuzirikana ko ***umutekano mu muryango ari umusingi w'iterambere rikomatanije rya muntu (developpement integral humain)***. Ni ngombwa rwose kwiranduramo inzitizi z'amahoro n'umutekano mu muryango. Nimuharanire rero:

- Kubaka umuryango uzira ibiyobyabwenge ;
- Kwimakaza ubusabane n'ibiganiro mu muryango ;
- Uburinganire n'ubwuzuzanye mu burenganzira n'inshingano z'abagize umuryango ;
- Kwirinda ingeso mbi z'ubusambanyi, ubushoreke n'ubuharike mu bashakanye ;
- Gusabana imbabazi no kubabarirana ku bagize umuryango ;
- Ubufatanye mu gushaka no gucunga umutungo w'umuryango ;

- Indangagaciro z'ubukristu n'ubumuntu mu burere bw'abana mu muryango.

12. Mu buryo burambye, turifuza ko hashyigikirwa itangizwa ry'Ikigo kigamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge cyiswe "*Centre Imbabazi*" cyashyizweho ibuye ry'ifatizo muri Paruwasi ya Mutete mu mwaka wa 2018. Iyi paruwasi ya Mutete yatoranyijwe kubera umwihariko w'ubwicanyi bwa jenocide bwaharanze ndetse n'inzira y'ubwiyunge batangiye ikagera ku musaruro ushimishije. Muri icyo kigo rero hazajya hatangirwa ubumenyi bwimbitse bwo gukumira no gukemura amakimbirane, yaba ayo mu muryango cyangwa ashobora kuvuka hagati y'amatsinda y'abantu.

UMWANZURO

13. Bavandimwe, mu gusoza ubu butumwa ndifuza kugaruka ku bikorwa bizaranga uyu mwaka twongeye guharira Uburere bushinze imizi mu muryango n'inzira y'ubumwe n'ubwiyunge. Kugira ngo rero iyi nsanganyamatsiko tuyinjiremo neza kandi idusigire umusaruro uhamye hateganyijwe ibikorwa bitandukanye:

- Amahugurwa y'inzego zitandukanye ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka, abahuguwe na bo bagahugura abakristu mu matsinda babarizwamo.
- Kurushaho kwegera no kwita ku byiciro byose by'abagize umuryango tuzirikana ko icyiciro cy'abana kuva bakivuka kugera ku myaka yo kujya mu ishuri bakeneye kwitabwaho by'umwihariko.
- Kwita by'umwihariko ku bakobwa babyaye imburagihe, bagashyirwa mu matsinda, bagashakirwa ingo zibaheka, zikunganira ababyeyi babo mu bujyanama, no kongera kwisanga mu muryango kimwe n'abana babo.
- Gutanga inyigisho zishishikariza ubusugi n'ubumanzi mu rubyiruko
- Kurushaho kunoza imitegurire y'abitegura gushyingirwa no kunoza imirongo migari y'ihuriro ry'ingo, inyigisho n'intera zikoreshwa mu gutegurira abashakanye kunoza umubano wabo ndetse n'abana babo.

- Guhugukira ibikorwa bigamije guha agaciro Isakramentu ry’Imbabazi; gucengera byimbitse ubukungu tuvoma mu nzira y’ubwiyunge: kwiwunga n’Imana, kwiwunga natwe ubwacu, kwiwunga na bagenzi bacu no kwiwunga n’ibidukikije.
- Kurushaho kwita ku bashegeshwe n’amateka yaranze u Rwanda no kwifashisha *Service* ya TFT (*Thought field Therapy*), mu kuvura abafite intimba n’ibikomere by’umutima batewe n’amateka y’ibyabaye mu Rwanda.
- Gushyiraho gahunda y’imihimbazo yo gusaba ubumwe n’ubwiyunge.
- Kubarura no guherekeza imiryango ibanye mu makimbirane; guhitamo no gutegura imiryango ihabwa inshingano zo gukemura amakimbirane (imiryango y’ubwahukaniro) n’amatsinda y’abafashamyumvire b’imiryango ibanye mu makimbirane y’urudaca.
- Kugira ibiganiro mpaka mu byiciro by’abakristu (abakristu n’abihayimana) mu nzira yo gushaka amahoro arambye mu miryango.
- Gushyiraho *Clubs* z’ubumwe n’ubwiyunge hose muri Diyosezi cyane mu mashuri no mu rubyiruko.
- Gushyigikira no kugana *Centre Imbabazi* yatangijwe muri Paruwasi ya Mutete, hagasurwa kandi hakabera amahugurwa agamije kwimakaza umuco w’ubutabera

n'amahoro; ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'inyigisho z'isanamitima ku bantu bahuye n'ihungabana ku buryo butandukanye.

Muri uyu mwaka tuzakomeza twifashishe isengesho rya Mutagatifu Fransisiko wa Asizi mu gusaba amahoro n'ubwumvikane kimwe n'isengesho risabira urubyiruko ryateguriwe kutwinjiza neza muri iyi nsanganyamatsiko.

Mbifuriye mwese umwaka wo kwiyubaka mu mubano wanyu n'Imana ndetse na bagenzi banyu.

Bikira Mariya Umwamikazi wa Kibeho atube hafi kandi abidushoboze.

Nimugire Amahoro y'Imana.

Bikorewe i Byumba ku wa 17 Nzeri 2018



✘ **Musenyeri Servilien NZAKAMWITA**
Umushumba wa Diyosezi ya Byumba